

# Ihame ry'ubuyobozi ku Amakimbirane



***“Ifarashi irindirijwe umunsi w’urugamba, Ariko kunesha kuva ku uwiteka.” Imigani 21:31***

Byandistwe na rwiyemezamirimo,  
John E. Schrock

*Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.*

Hari abibwira ko mu ubuzima twabaho nta makimbirane, nyamara inyuma ya buri mugabo cyangwa umugore ukomeye hari amateka y’ amakimbirane. Iyi mibereho rero yabatoje guca akenge. Bamaze kumenya ko intsinzi ituruka ku mana. Imana yaturemye mu ishusho yayo, kububasha ifite bwo kurema rero. Ibi byose bihera mu bitekerezo... igitekerezo kimwe cyibyara ibindi, ni cyindi, bityo ugasanga dufite uko tubyumva kwinshi. Rero igice kinini cy’ubuzima bwacu tukacyimara twitoza uburyo twifata imbere y’abandi, kubera uko tubyumva. Rero uko duhangara aya makimbirane hamwe n’ibigeragezo, tugomba kuba abantu bazima kurushaho, kuko ibyo ducamo bidutoza kumenya aho imbaraga n’ intege nke zacu biherereye. Ni by’ingenzi rero kumenya ko intsinzi ituruka ku Mana, kuko bikomoka ku mpano yo gutekereza no guhitamo bityo Imana nayo ikaduha instinzi. Muri iyi mpano rero turakura maze tukanesha ibibazo (amakimbirane). Dore ibibazo bimwe tugomba kwibaza:

1. Ese birashoboka ko amakimbirane yaba yaratwubutse neza cg turacyivovotera ubuzima?
2. Ese yaba yaraducishije bugufi tugashima Imana cg turacyacyemanga?
3. Ese yaba yaratoje kamere guhinduka ndetse akadusigira isomo cg yaduteye kwibona hamwe no kugira umunabi?

Ntabwo ari bibi kujya amakimbirane. Ikiriho ni uko, ntabwo dushobora gukura cg ngo dutere imbere atabaye, kuko ibitekerezo/ inama nshyashya usanga zidakunzwe kuko ziba zidahuje ni ngeso zacu zakera. Im-

punduka rero ntikunze koroha. Abantu bamwe ntibazigera bahinduka. Niyo mpamvu tugomba kureka igitekerezo cyigakura, naho ubundi amakimbirane ashobora kubyara intambara maze akadutandukanya na bantu b’ingenzi. Amakimbirane n’urugamba turwana mu bitekerezo byacu; naho intambara biba byageze ku mubiri. Ariko kandi ntacyo bitwaye kwitegura amakimbirane cg intambara, kuko hatabaye imyiteguro ntidushobora gutsinda. Rimwe umubyeyi yajyanye umwana we kureba umukino w’iteramakofe. Maze wa mwana aza kubona umwe mu bakinnyi apfukamye maze arasenga mu nguni. Umuhungu yaje kubaza ise ati ” ese biriya akoze biramufasha? ”keretse niba yari yiteguye kurwana” ise aramusibiza. Bityo natwe rero ntukajye twumva gusa ko Imana itanga intsinzi maze twirare, tugomba kwitegura nkaho itabidukorera.

Tugomba kandi kwitonda mu gihe tubinye intinzi, kuko biroroha kwishyira hejuru maze ukibona. Mu gihe tubikoze rero, tuzacishwa bugufi. Impamvu imana iducisha bugufi ni ukugira ngo itwigishe isomo, kuko ibizi ko twiga neza iyo twahombye kurusha uko twigiye mu ntsinzi. Iyo dutakaje, tubaza Imana natwe tukibaza ku mpamvu iba yabitweye. icyo tuhigira cyizadufasha mu kumva no gusobanukirwa bityo tukivu-

gurura maze intsinzi tukayibona. Tugomba kwibuka ko intsinzi itangwa n’uwiteka, naho ubundi twazahora tuzerera mu kigeragezo. Imana ishaka ko dukura maze tugasobanukirwa. Iyo turi ku rugamba, biroroshye gusaba Imana ko yadufasha, kandi tuba twiteguye kuyisezeranya ibintu byose bishoboka ku bwawe. Ntabwo tugomba kwibagirwa ayo magambo rero mu gihe instinzi yatashye.

Rero ntugomba gutinya amakimbirane, dore ko haba hari isomo tuhigira mu buzima maze tukarushaho kwegera Imana. Amakimbirane azaza, ariko tugomba kwizera mu mana ngo iduhe ibisubizo. Ibi bizatwubakamo imico y’Imana—maze natwe tukazatanga ubuhamya bw’intambara twanyuzemo!

*Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:*

**Umusingi ku byagezweho.**

## Ibibazo byo kwibazaho:

Amakimbirane ni ingirakamaro kuri jye ku buryo iyo yabuze, ndayakongeza.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri munsi	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed